RECEPTION
MINALOC
Date: 28/10/19

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kayonza, kuwa 25/10/2019**

**No……318……/07.05.04**

Eastern Province
For reception
Date 25 OCT 2019
Signature

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date 25/10/2019
Signature


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**P.O.BOX 03 RWAMAGANA**
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw


**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 20/10/2019.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

# IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 20/10/2019

Nk'uko biteganwa n'Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 42, ivuga iterana ry'Inama Njyanama, none ku kuwa 20/10/2019, ku biro by'Akarere ka Kayonza mu cyumba cy'Inama Njyanama, hateraniye Inama y'Inama Njyanama idasanzwe, kuva saa yine n'iminota mirongo ine (10h40), iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Madamu **MUKAMUYENZI Valentine**.

Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri n'umwe kuri makumyabiri na batandatu (21/26) bagize Inama Njyanama, bahwanye na 80,7% by'ubwitabire.

**ABAJYANAMA BATITABIRIYE INAMA N'IMPAMVU**:

1. Bwana BIDERI John Bonds: V/P w'Inama Njyanama, yahinduye imirimo kandi itabangikanywa no kuba Umujyanama w'Akarere, yanditse asezera k'umurimo w'Ubujyanama n'umwanya w'Umuyobozi wungirije, hazakurikiraho kureba uburyo yasimburarwa;
2. Bwana ZIGIRA Alphonse: Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubukungu, yagize impamvu z'akazi, yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'Inama Njyanama kandi nawe yamwemereye uruhushya;
3. Bwana NYANDWI Gilbert: Yagize impamvu z'akazi yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya;
4. Bwana KAYITANA Fred: Yagize impamvu z'akazi, yasabye uruhushya mbere kandi yarwemerewe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama;
5. Madamu MUNGANYINKA Hope: Yarwaje umwana, yabimenyesheje Umuyobozi w'Inama Njyanama.

**ABANDI BITABIRIYE INAMA**:

- Abagize inzego z'Umutekano;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;



21 9.

- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere;
- Abayobozi b'Amashami mu Karere;
- Abagize Biro ya JADF;
- Abayobozi b'Ibitaro by'Akarere na Farumasi y'Akarere.

Umuyobozi w'inama yatanze ikaze ku bitabiriye inama hakurikiraho kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu cyacu maze Umuyobozi w'inama akurikizaho kugeza ku bari mu nama ingingo zari buganirweho nk'uko ziri ku butumire arizo izi zikurikira:

1. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo igihembwe cya mbere 2019/2020, ingamba nshya zo kwihutisha Imihigo yita ku Mibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) n'indi mihigo yagiye yongerwamo ari mishya;
2. Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari no gutanga amasoko 2019/2020;
3. Kugaragaza gahunda n'ingamba zihari ku bijyanye no gutera ibiti byaba iby'imbuto, ibivangwa n'imyaka n'ibiterwa ku misozi byongera amashyamba;
4. Gusuzuma no gufata umwanzuro ku busabe bwa KOMERA Project ku butaka yahawe bwo kubakaho ikigo cy'Abakobwa mu Murenge wa Rwinkwavu.

Umuyobozi w'inama yaboneyeho kubwira abari mu nama ko nk'uko itegeko ribiteganya, inama idasanzwe y'Inama Njyanama nta zindi ngingo ziyongeraho, hasuzumwa gusa ingingo ziri ku butumire.

- **GUSUZUMA INGINGO KU YINDI**

- **INGINGO YA MBERE: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo igihembwe cya mbere 2019/2020, ingamba nshya zo kwihutisha Imihigo yita ku Mibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) n'indi mihigo yagiye yongerwamo ari mishya**

Nk'uko biteganywa muri iryo tegeko ryavuzwe haruguru, mu ngingo yaryo ya 125, agaka ka 2, 4, 7 na 16; Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bari mu nama aho Imihigo y'Akarere y'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2019/2020 igeze ishyirwa mu bikorwa, abari mu nama banyurwa n'ibyo Umuyobozi w'Akarere abagejejeho banashimira uburyo byateguwe, basanga Imihigo yose uko ari 99 imaze gushyirwa mu bikorwa ku gipimo cya 80% mu gihembwe cya

mbere, na 25% ku gipimo cy'umwaka. Mu nkingi y'Imibereho Myiza Imihigo iri ku gipimo cya 79% mu gihembwe cyambere, bingana na 23% by'igipimo cy'umwaka, mu ishami ry'Ubukungu byashyizwe mu bikorwa ku gipimo cya 85% mu gihembwe, bingana na 30% by'igipimo cy'umwaka, naho mu ishami ry'Imiyoborere Myiza yakozwe kugera kuri 76% ku gihembwe, bingana na 22% ku mwaka.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza yagejeje kubari mu nama imibare n'ingamba zihari kubijyanye n'ibibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage (HSI).

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho n'Umuyobozi w'Akarere, n'Umuyobozi Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza, maze mu rwego rwo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2019/2020, hafatwa imyanzuro n'ingamba bikurikira:

**UMWANZURO WA 1**

Nkuko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'Iimitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 34 ivuga uburyo bwo gushyiraho Komisiyo zidasanzwe, aho *Inama Njyanama ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe zigenewe kwiga ibibazo bidasanzwe byagaragaye;* Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe ihuriweho (Joint task force) izakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo mu mwaka w'Ingengo y'Imari wa 2019/2020, hibandwa cyane cyane ku mihigo ya HSI yitezweho kugira impinduka mu gukuraho ibibangamira Imibereho Myiza y'Abaturage. Iyo Komisiyo ikazashyiraho ingamba zidasanzwe (Trategies) ku mihigo ya HSI, Imihigo ikeneye ubukangurambaga (Mobilization) n'Imihigo mishya muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, maze bitarenze itariki 30/10/2019 iyo Komisiyo ikaba yaratangiye gukora.

- Mu bagize Komisiyo idasanzwe hazagaragaramo: Abajyanama b'Akarere bazemezwa na Biro, Komite Nyobozi y'Akarere, abari muri JADF, PSF, abari mu nzego zishinzwe Umutekano n'Abakozi b'Akarere.
- Itsinda rimaze gushyirwaho, abarigize basabwe kuzahita batangira imirimo, maze mu Nama Njyanama yo mu kwezi k'Ukuboza (mu gihembwe cya kabiri) hazagaragazwe ibyo itsinda rimaze kugeraho.



ə+ Q.

- Inama Njyanama yasabye ishami ry'igenamigambi ry'Akarere kuzategura inyandiko igaragaza Imihigo ikiri kuri zero, n'indi ikwiye kwibandwaho ugereranyije n'igihe dusigaranye, n'uburyo bwafasha kuyihutisha (Recovery Plan), izashyikirizwe iyo Komisiyo mbere yo gutangira imirimo kandi Inama Njyanama izagenerwe kopi.

**UMWANZURO WA 2**

Inama Njyanama yemeje ko gahunda isanzwe ya buri gihembwe y'Inama Njyanama yo gusura ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere aho ikorerwa mu Mirenge yazakorwa mu cyumweru cya nyuma cy'Ukwakira (29-31/10/2019), Abajyanama n'Abafatanyabikorwa bakazamanuka mu Mirenge kureba aho Imihigo igeze no kujya inama uburyo yakwihutishwa, maza Inama Njyanama isaba umukozi ushinzwe imirimo y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi gutegura icyo gikorwa.

**UMWANZURO WA 3**

Inama Njyanama yemeje ko Umuyobozi w'Akarere Wungirije ufite mu nshingano Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage afatanyije n'Abakozi b'Akarere babifite mu nshingano, banoza urutonde rw'abagenerwabikorwa muri gahunda yo gukemura ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues), hagendewe ku buryo burimo gukorwa inzu kunzu kubari basanzwe ku rutonde, hagaragazwa imiryango nyakuri ifite ibyo bibazo, aho iherereye n'ibikeneye gukorwa bigashyikirizwa Abafatanyabikorwa. Inama Njyanama kandi isaba Umuyobozi Wungirije ushinze Iterambere ry'Imibereho Myiza na Komisiyo yashyizweho kuzakora urutonde rw'ibigo bya Leta n'ibyigenga, ibigo by'Imari n'Amabanki, imiryango Nterankunga, Amadini n'Amatorero, abikorera bibumbiye muri PSF, amakoperative n'abandi bantu ku giti cyabo cyangwa amatsinda, baba abatuye Kayonza cyangwa abahavuka bafite ubushobozi n'ubushake bwo gufasha no guharanira Iterambere ry'Akarere kabo; bakazahabwa imiryango yagaragajwe muri HSI idafite icumbi n'ubwiherero cyangwa ifite ibimeze nabi n'abana bari mu mirire mibi, abo bavuzwe haruguru bafite ubushake bwo gufasha bakerekwa ibikenewe kandi bagasobanurirwa ibyo bakeneweho n'uruhare rw'Akarere, maze mu Nama Njyanama y'ubutaha ingingo y'ibyakozwe muri HSI izafate ingingo yihariye muzizaba ziteganijwe gusuzumwa uwo munsi, harebwe ibyakozwe, ibisigaye n'igihe bizatwara.



Ə+ Ơ.

**UMWANZURO WA 4**

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo ku mitangire ya raporo zitinda gutangwa ku zindi nzego cyangwa zigatangwa zitanoze nk'uko Inama Njyanama yateranye kuwa 22/09/2019 yabibonye, ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara akunze kubigarukaho ku rubuga rw'Imihigo, maze Inama Njyanama isaba Umuyobozi w'Akarere gukurikirana iyo mikorere mu bakozi, umukozi w'Akarere ubifite mu nshingano gutanga raporo zo muri cluster akoreramo akaba atazitanga ku gihe nkuko zisabwa (zaba raporo za buri munsi, iz'ukwezi, n'igihembwe n'izindi zisabwa n'inzego zikuriye Akarere), akazajya abazwa impamvu yo kutita kuri iyo nshingano nkana, kandi mu buryo bw'inyandiko, ndetse igihe bibaye ngombwa urwego rumushinzwe rukamufatira n'ibihano.

**UMWANZURO WA 5**

Inama Njyanama yemeje ko Abayobozi n'Abakozi b'Akarere hamwe n'Abafatanyabikorwa twese twumva kimwe intego ya ***"Twese Twinjirane mu Mujishi w'Imihigo"*** na ***"Twese Tujyanemo"*** ndetse inama isaba ibiro by'igenamigambi ku Karere gutegura inyandiko y'isobanurampamvu (concept note) y'izo gahunda zigamije gufasha mu kwesa Imihigo. Komisiyo mu zigize Inama Njyanama mu gihe zakoze inama ya buri kwezi, zikaganira ku mihigo mu nkingi Komisiyo irimo kandi Abajyanama bakayisura aho iri mu Murenge, bagakangurira n'abaturage gahunda ya ***"Twese mu mujishi w'imihigo"*** na ***"Twese tujyanemo"***, maze inama isaba buri Komisiyo y'Inama Njyanama kuzakurikirana imikorere n'imikoranire y'amashami agize inkingi iyo Komisiyo irimo, hagamijwe kureba uko amashami (clusters) akorana mu gushyira mu bikorwa Imihigo y'Akarere, Imihigo y'Urubyiruko, Imihigo ya Mutimawurugo n'indi mihigo (Integrated Imihigo) irimo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CRC, CRVS.

**UMWANZURO WA 6**

Mu rwego rwo kwesa umuhigo w'Imidugudu Ntangarugero, Inama Njyanama yasabye ko urutonde rw'iyo midugudu rwakwihutishwa, ibikorwa bikwiye kuranga uwo Mudugudu n'amabwiriza yabyo (criteries) bikamenyekanishwa ku bafite uruhare bose mu kubishyira mu bikorwa no kubikurikirana, urwo rutonde kandi rugashyikirizwa n'Abafatanyabikorwa nk'uko babisabye muri iyi nama.



24 q.

➢ **INGINGO YA KABIRI: Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari no gutanga amasoko 2019/2020**

Itegeko n° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe Abaturage mu ngingo y' 125 ivuga ku nshingano z'Inama Njyanama y'Akarere mu gaka karyo ka 14, aho mu mezi 3 Umunyamabanga Nshingwabikorwa atumizwa kugira ngo atange raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari, mu Nama Njyanama yateranye kuwa 20/10/2019, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje kubari mu nama imikoreshereze y'ingengo y'imari n'uko gutanga amasoko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2019/2020 bihagaze ubu, aho ingengo y'imari y'uyu mwaka ingana na Miliyari cumi n'enye, Miliyoni Magana atanu mirongo ine n'esheshatu, ibihumbi Magana arindwi mirongo ine n'amafaranga Magana cyenda mirongo inani n'umunani (14,546,740,988 frw) muri yo hakaba hamaze gukoreshwa angana na Miliyari eshatu, Miliyoni Magana abiri makumyabiri n'icyenda, ibihumbi Magana arindwi mirongo itandatu n'enye n'amafaranga mirongo ine n'atatu (3,229,764,043 frw) ahwanye na 22%, abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugaragarizwa, Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 7**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yo kuwa 20/10/2019 imaze kungurana ibitekerezo ku mikoreshereze y'ingengo y'Imari 2019/2020 igihembwe cya mbere n'imitangire y'amasoko, yasabye ko amasezerano Akarere kagirana na Rwiyemezamirimo ukora imirimo iri mu mihigo y'Akarere aho yaba iri mu Murenge, hongerwamo ingingo iha inshingano Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge gukurikirana ibikorwa by'Imihigo biri mu Murenge ayobora byasinyiwe ku Karere, kandi akagenerwa kopi yayo masezerano.

**UMWANZURO WA 8**

Inama Njyanama imaze kubona ko amasoko yose uko ari makumyabiri na rimwe (21 tenders), amaze kurangira neza ari amasoko ane (4) gusa, inama yasabye ko amasoko yamaze kurangiza ibisabwa imirimo yakwihutishwa, naho amasoko yatanzwe ariko akiri mu nzira zo kurangira (still under process) kuyasuzuma byakwihutishwa, bikazarangirana n'itariki ya 30/10/2019 amasezerano yasinywe nk'uko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yabyiyemereye,



Ɔf Qℓ

maze ibikorwa bikazakurikiranwa kuburyo icyuho amasoko atararangira gutangwa yateje kizavamo mu gihembwe cya kabiri.

**UMWANZURO WA 9**

Inama Njyanama yemeje ko mu gihe ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/2020 izaba ivugururwa (Budget revision) mu kwezi k'Ukubonza 2019, hazitabwa mu gukuraho icyuho kigaragara mu mafaranga yagenewe guhemba abakozi b'Akarere, kugirango hatazabaho kwimukana ibirarane by'imishahara y'abakozi batahembwe mu mpera z'umwaka.

➢ **INGINGO YA GATATU: Kugaragaza gahunda n'inganda zihari ku bijyanye no gutera ibiti byaba iby'imbuto,ibivangwa n'imyaka n'ibiterwa ku misozi byongera amashyamba**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje kubari mu nama uko Akarere gahagaze muri gahunda yo kongera ibiti (byaba ibiti biterwa ku misozi, ibivangwa n'imyaka n'iby'imbuto) kugeza ubu bigeze kuri 19% z'ahakabaye haterwa ibiti. Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo kuri iyo ngingo, no kubona ko gahunda n'ingamba zagiye zishyirwaho mbere zitakozwe neza zose nk'uko byari byitezwe, aho Umwanzuro w'Inama Njyanama wo kuwa 10/03/2017 wasabaga ko amashyamba, ibiti by'imbuto n'ibivangwa n'imyaka yongerwa nibura buri kagari n'icyigo k'ishuri bikagira ubuhumbikiro (Pepiniyeri);

N'umwanzuro wafatiwe mu mwiherero wabereye kuri Muhazi wo kuwa 24-25/11/2018 wahuje Abagize Inama Njyanama, Abafatanyabikorwa (JADF), Abikorera (PSF) n'Abakozi b'Akarere bahagarariye abandi wavugaga kuri gahunda yo gutera ibiti byinshi no gutangiza gahunda y'igiti cya buri muntu mu muryango, ibyo byanatangijwe n'Inama Njyanama mu cyumweru cy'Umujyanama cyabaye hagati y'Itariki ya 17-19/01/2019;

- Dushingiye ku kibazo cy'amapfa aterwa no kubura imvura akunda kugaragara mu Karere ka Kayonza
- Dushingiye ko ubu imvura irimo kugwa ku buryo hatewe ibiti bishobora gufata,
- Dushingiye kuri gahunda yo kurwanya imirire mibi aho buri muryango waba ufite igiti cyera imbuto ziribwa;

- Dushingiye kandi ku mwanzuro wafashwe n'Inama Njyanama wo kongera ibiti wavuzwe haruguru;

Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 10**

Inama Njyanama yashyizeho itsinda (Task force) rihuriweho n'Abajyanama, umwe muri Komite Nyobozi ushinze Ubukungu, Abakozi b'Akarere bashinzwe ubutaka, abashinzwe amashyamba n'umutungo kamere n'Abafatanyabikorwa muri iri shami. Iri tsinda rikazakurikirana ibyerekeye amashyamba mu Karere, kuva ku itegurwa ry'ibiti kugeza bitewe kandi bigakurikiranwa, rikazashyiraho ingamba zo kongera ubuhumbikiro (Pepiniyeri) no gutera ibiti gakondo mu gihe nk'iki cy'imvura bidasaba gutera ingemwe, Inama yemeza kandi ko iryo tsinda riyoborwa n'Umujyanama KARAMA Joseph ubarizwa muri Komisiyo y'Ubukungu akaba n'Umukozi muri Pariki y'Akagera ushinzwe guhuza ibikorwa bya Pariki n'Abaturage kandi akaba afite ubumenyi n'ubushobozi mu bikorwa bijyanye no gutegura ibiti no kubikurikirana, akazafashwa n'Umujyanama MWISENEZA J. Claude n'Umujyanama MUTANGANA Eugene bose babarizwa muri Komisiyo y'Ubukungu, maze mu Nama Njyanama itaha iyi ngingo ikazagarukwaho hagamijwe kureba icyakozwe no kujya inama zo kwihutisha ibyateganyijwe gukorwa 2019/2020.

Inama Njyanama yongeye gusaba Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Madame MUNGANYINKA Hope (utarabonetse muri iyi nama kubera ikibazo cy'uburwayi bw'Umwana) ko yabiha umwanya mubyo akora, abigira igikorwa kidasanzwe (Priority) hamwe n'Umukozi w'Akarere ubifite mu nshingano akaba n'Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuhinzi n'Ubworozi, Amashyamba n'Umutungo kamere Bwana MUHAYIMANA Cyprian nk'uko bagiye babisabwa na Komisiyo y'Ubukungu n'Inama Njyanama, bombi bakazaba muri iri tsinda kandi bakarifasha gushyira mu bikorwa ibyo ryabagiriyeho inama.

**UMWANZURO WA 11**

Inama Njyanama yemeje ko mbere y'uko abanyeshuri bajya mu kiruhuko gisoza umwaka w'Amashuri bafashwa kubona ibiti bigaterwa, maze inama isaba Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage Bwana HARERIMANA J. Damascène wari muri iyi nama kandi wemereye inama gushyira mu bikorwa uyu mwanzuro vuba,



ヲ+ Ol.

maze kubufatanye n'Umuyobozi Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu binyunze mu ishami ry'Ubuhinzi n'Ubworozi, Amashyamba n'Umutungo kamere n'Abayobozi b'amashuri abanyeshuri ku bigo bazashakirwa ingeri z'ibiti biterwa hatagombye gutegura ingemwe, bikazaterwa ku mashuri n'ahandi hose bishoboka kandi bikenewe mbere y'uko abana bajya mu biruhuko.

**ICYITONDERWA**: Iyi myanzuro yavuzwe kuri iyi ngingo ya gatatu yo gushyiraho itsinda rishinzwe gukurikirana gahunda yo kongera ibiti ntirikuraho uburyo busanzwe mu Karere ka Kayonza bwo gutegura, gutera no gukurikirana amashyamba ku bakozi b'Akarere n'Abafatanyabikorwa muri yi gahunda.

- **INGINGO YA KANE: Gusuzuma no gufata umwanzuro ku butaka KOMERA Project yahawe bwo kubakaho ikigo cy'Abakobwa mu Murenge wa Rwinkwavu**

Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro bya Komisiyo y'Ubukungu ku busabe wa KOMERA Project (Umufatanyabikorwa w'Akarere ufite umushinga wo kubaka ikigo kizita ku bakobwa); usaba ko Inama Njyanama yamuha uburenganzira bwo kwandikwaho ubutaka (Land title) yari yahawe mu Nama Njyanama yo kuwa 29/03/2019 ngo yubakeho ikigo azakoreraho ibikorwa byo kwita ku bakobwa bafite ibibazo nk'uko bigaragara mu mushinga yashyikirije Akarere, yongeye no kuwugaragariza Akarere asaba kwemererwa kwandikwaho ubwo butaka, kuko inama ya Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba nyuma yo kubona imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 29/03/2019 ku mwanzuro wa 13 yemereraga KOMERA Project ubwo butaka, Guverineri w'Intara yajyaga inama ko ubwo butaka bwazaguma bwandikwa nk'umutungo w'Akarere. Komisiyo y'Ubukungu yongeye gusuzuma ubwo busabe bwa KOMERA Project bwo gusaba Land title, isanga abaterankunga ba KOMERA Project mu kubaka icyo kigo batarishimiye kuba ubutaka bwaguma bwanditse ku Karere kuko babona nta cyizere bahawe nk'abagiye kuzana igikorwa cy'iterambere, kandi babona ko kuba badafite izina kuri icyo kibanza bazubakamo, bishobora kubangamira igikorwa cyo gukomeza gushaka inkunga izubaka icyo kigo kikaguka, hakurikijwe ko KOMERA Project ari umuryango nterankunga (Local NGO) udaharanira inyugu kandi uzubaka kuri ubwo butaka umutungo utimukanwa, Komisiyo isanga izo mpungenge za KOMERA Project zifite ishingiro, isaba Inama Njyanama ko yasuzuma icyo cyifuzo cyikemezwa, maze muri MoU Akarere kazagirana na KOMERA Project hakazashyirwamo ingingo zizafasha Akarere

gukurikirana Imikoreshereze y'ubwo butaka igihe butakoreshejwe icyo bwagenewe no mu gihe cyagenwe.

Abari mu nama bamaze kumva ko habayeho kugisha inama Guverineri w'Intara kuri iyi ngingo, Abajyanama banyuzwe n'ibisobanuro bahawe, Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 12**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/10/2019 yemeye ko KOMERA Project ihabwa ubutaka bungana na 1,5ha buherereye mu Murenge wa Rwinkwavu, KOMERA Project igahabwa n'uburenganzira bwo kwandikwaho ubwo butaka (Land title), maze muri MoU Akarere ka Kayonza kazagirana na KOMERA Project hakazashyirwamo ingingo igaragaza ko ubutaka KOMERA Project yahawe nibudakoreshwa icyo bwasabiwe, ngo bwubakwe uko byagaragajwe mu mushinga kandi mu gihe cyagenwe, Akarere kazabwisubiza.

Inama Njyanama isaba Guverineri w'Intara kuzabisuzuma agashyigikira icyo cyemezo kuri uwo mushinga w'iterambere uzafasha abakobwa mu Murenge wa Rwinkwavu ho mu Karere ka Kayonza.

Inama yasoje saa kumi z'umugoroba (16h00), Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye bose n'ibitekerezo byubaka Akarere buri wese yatanze.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'inama**

## URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YO KUWA 20/10/2019

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | AHO ATUYE | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | [signature] |
| 2 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | [signature] |
| 3 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | [signature] |
| 4 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | KIREHE | 9h00' | M | [signature] |
| 5 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00' | M | [signature] |
| 6 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | RUHANGO | 9h00 | F | [signature] |
| 7 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00 | M | [signature] |
| 8 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 9h00 | M | [signature] |
| 9 | KAYITANA Fred | MURUNDI | BUGESERA | | | |
| 10 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | F | [signature] |
| 11 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 12 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | [signature] |
| 13 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 14 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00 | F | [signature] |
| 15 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00' | F | [signature] |
| 16 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | MUKARANGE | | | |
| 17 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9 00 | M | [signature] |
| 18 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | [signature] |
| 19 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | F | [signature] |
| 20 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 21 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 22 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h06 | F | [signature] |
| 23 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | GAHINI | | | |
| 24 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | M | [signature] |
| 25 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | | | |